5° imbogamizi z'ibidukikije zaturuka ku mitingito y'isi.	5° environmental risks resulting from earthquake.	5° risques environnementaux résultant d'événements sismiques.

**Ingingo ya 9 : Raporo y'ibidukikije byerekeye amazi yo munsu no hejuru y'ubutaka**

Mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri, buri mucukuzi atanga raporo buri kwezi muri Minisiteri ifite mine na kariyeri mu nshingano zayo isobanura uko arwanya ingaruka ku mazi yo munsu no hejuru y'ubutaka mu buryo bukurikira:

- 1° kugabanuka kw'amazi agaburira amasoko ;
- 2° imbogamizi zo guhumanya amasoko y'amazi ;
- 3° ingaruka zikomeye ku mibereho myiza n'ubukungu ;
- 4° kuzitirwa kw'amazi yo hejuru y'ubutaka ;
- 5° imbogamizi zo guhumanywa kw'amazi yo hejuru y'ubutaka.

**Article 9: Environmental report on hydrogeology and surface waters**

During the mining and quarrying extraction period, every exploiter shall submit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report which presents ways of preventing pollution of hydrogeology and surface waters as follows:

- 1° a decrease in groundwater ;
- 2° risks of contamination of groundwater;
- 3° serious negative socio-economic impact;
- 4° blockage of surface water;
- 5° risks of contamination of surface water.

**Article 9: Rapport environnemental sur l'hydrogéologie et les eaux de surface**

Pendant la période d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel présentant les moyens de lutte contre la pollution des eaux souterraines et de surface comme suit:

- 1° rabaissement des nappes phréatiques par l'abstraction ;
- 2° risques de contamination des nappes phréatiques ;
- 3° effets potentiels socio-économiques ;
- 4° retenu et abstraction des eaux de surface ;
- 5° risques de contamination des eaux de surface.

**Ingingo ya 10 : Raporo y'ibidukikije ku mikoreshereze y'ubutaka mu gushyiraho ibikorwa remezo mu rwego rw'ubucukuzi**

Mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri, buri mucukuzi ashakiriza Minisiteri ifite ubucukuzi bwa mine na kariyeri mu nshingano zayo raporo ya buri kwezi ku mikoreshereze y'ubutaka mu gushyiraho ibikorwa remezo mu rwego rw'ubucukuzi ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° kwimuka kw'ababyaza umusaruro ubutaka;
- 2° kubuzwa gukora imirimo y'ubucukuzi cyangwa kwibwa ibikoresho bya mine bihari ;
- 3° urujya n'uruza rudakwiye rutambamira ubucukuzi.

**Ingingo ya 11 : Raporo y'ibidukikije ku miterere y'umwuka n'ingaruka z'ibipimo by'ikirere**

Raporo ku miterere y'umwuka n'ingaruka z'ibipimo by'ikirere igaragaza ibi bikurikira :

- 1° imbogamizi zituruka ku mukungugu mu bihe byo kubaka no gucukura ;
- 2° gutumura ibyuka bya gaze bituruka ku myotsi yo mu itanura ishongesherezwamo amabuye y'agaciro no ku modoka, bikaba bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'abantu no gutuma habaho imyuka yangiza agakingirizo k'izuba.

**Article 10: Environmental report on land use as well as mining and quarrying infrastructure installations**

During the mining and quarrying extraction period, every exploiter shall submit to the Ministry in charge of mines and quarries a monthly report on land use as well as mining and quarrying infrastructure installations as follows:

- 1° displacement of land users;
- 2° stoppage of extraction or stealing of equipment in place;
- 3° backward and forward motion preventing extraction works.

**Article 11: Environmental report on air quality and meteorological impacts**

The environmental report on air quality and meteorological impacts shall present the following:

- 1° risks relating to dusts during the construction and extraction periods;
- 2° discharge of gas from processing and smelting works, vehicles, which is harmful to health, or contributes to severe Greenhouse gas emission.

**Article 10 : Rapport environnemental sur l'utilisation des terres et les installations des infrastructures minières**

Pendant la période d'exploitation des mines et carrières, tout exploitant transmet au Ministère ayant les mines et carrières dans ses attributions un rapport mensuel sur l'utilisation des terres et les installations des infrastructures minières comme suit:

- 1° déplacement des utilisateurs productifs du sol;
- 2° blocage des travaux d'exploitation ou détournement des équipements en place;
- 3° les va-et-vient entravant les travaux d'exploitation.

**Article 11 : Rapport environnemental sur la qualité de l'air et les impacts météorologiques**

Le rapport environnemental sur la qualité de l'air et les impacts météorologiques présente ce qui suit :

- 1° les risques liés aux poussières pendant les périodes de construction et d'exploitation ;
- 2° les dégagements gazeux résultant de la combustion lors du traitement et de la fonte des minerais et des véhicules, ce qui peut représenter des risques pour la santé ou contribuer aux gazes de serre.

**Ingingo ya 12: Raporo y'ibidukikije ku ngaruka z'imibereho y'abaturage n'ubukungu**

Raporo y'ibidukikije ku ngaruka z'imibereho y'abaturage n'ubukungu igaragaza ibi bikurikira :

- 1° ingaruka mbi z'imibereho y'abaturage ituruka ku bwiyongere bw'abaturage mu karere.
- 2° ingaruka nziza ku mibereho y'abaturage batariye umushinga w'ubucukuzi

**Ingingo ya 13: Raporo y'ibidukikije ku bumenyi bw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ahantu nyaburanga**

Raporo y'ibidukikije ku bumenyi bw'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima n'ahantu nyaburanga igaragaza ibi bikurikira :

- 1° ingaruka ku bidukikije by'ahantu no ku nyamaswa n'ibimera birinzwe ;
- 2° ihungabana by'ibirango by'amateka n'umuco ;
- 3° ingaruka ku miterere y'ahantu nyaburanga, no gutakaza iby'ingenzi bihagize.

**Ingingo ya 14: Raporo y'ibidukikije ku isuku n'umutekano mu kazi**

Raporo y'ibidukikije ku isuku n'umutekano mu

**Article 12: Environmental report on socio-economic impacts**

The environmental report on socio-economic impacts presents the following:

- 1° negative social impacts of an increase of the population in the area.
- 2° positive impacts on local community livelihood nearby the extraction project.

**Article 13: Environmental report on Ecology and Tourist attractions**

The environmental report on ecology/heritage/tourist attractions presents the following:

- 1° impacts on the ecosystem and protected species;
- 2° degradation of historic and cultural sites;
- 3° impact on topographical aspects of tourist attractions, and loss of their features.

**Article 14: Environmental report on hygiene and safety at work place**

The environmental report on hygiene and safety at

**Article 12: Rapport environnemental sur les impacts socio-économiques**

Le rapport environnemental sur les impacts socio-économiques présente ce qui suit :

- 1° impacts sociaux négatifs de l'augmentation de la population dans la région.
- 2° impacts positifs sur la vie des collectivités locales se trouvant aux environs du projet d'exploitation.

**Article 13: Rapport environnemental sur l'Écologie et les Sites touristiques**

Le rapport environnemental sur l'écologie/héritage/sites touristiques présente ce qui suit :

- 1° impacts sur l'écosystème et sur les espèces protégées ;
- 2° dégradation des sites de valeur historique et culturelle ;
- 3° effets sur le caractère topographique des sites touristiques, y compris la perte de leurs traits distinctifs.

**Article 14: Rapport environnemental sur l'hygiène et sécurité au travail**

Le rapport environnemental sur l'hygiène et

kazi igaragaza impanuka zo mu kazi, indwara zo mu kazi n'isuku z'ahakorerwa akazi.

work place presents job hazards, occupational diseases, hygiene at work place.

sécurité au travail présente les accidents de travail, les maladies professionnelles et hygiène au travail.

Umucukuzi agomba gutanga ibiciro by'agateganyo by'imirimo yo gucunga ibidukikije, harimo na gahunda yo gusana aho hantu hangiritse.

The exploiter must provide provisional estimates for environment management operations, including the site rehabilitation plan.

L'exploitant doit présenter les coûts prévisionnels des opérations de gestion de l'environnement, y compris le programme de réhabilitation du site.

### **Ingingo ya 15: Gahunda yo gufunga**

Igihe bigaragaye ko mine cyangwa kariyeri igiye gufungwa, gahunda y'imicungire y'ifungwa ry'aho hantu igomba gukorwa. Gahunda y'imicungire yakozwe mu gihe cyo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri igomba kugaragaza ibikorwa byose bijyanye n'iryo funga.

### **Article 15: Closing plan**

In the event that the mining or quarry extraction has to close, there must be established a management plan for the closing of the site. The management plan established during the period of quarry extraction must present any activities relating to the site closing.

### **Article 15 : Plan de fermeture**

Si l'exploitation minière ou de carrières doit fermer, un plan de gestion de la fermeture du site doit être établi. Le plan de gestion établi pendant la période d'exploitation devra dégager toutes activités relatives à ladite fermeture.

Gahunda y'ifunga igomba kugaragaza:

The closing plan shall specify:

Le plan de fermeture devra préciser:

1° impamvu z'ifunga;

1° reasons of closing;

1° les causes de la fermeture;

2° isubiranywa ry'ahantu hari ibikoresho ;

2° rehabilitation of infrastructure area;

2° la réhabilitation des zones d'infrastructure ;

3° uburyo bukoreshwa mu gufunga ahari imyanda;

3° methods of closing the dumping areas;

3° les méthodes de fermeture des aires déchets;

4° gahunda yo gufunga inyubako zo mu nsi y'ubutaka n'imyobo yatera impanuka;

4° plan for the closing of underground constructions and dangerous excavations;

4° le plan de fermeture des ouvrages souterrains et des excavations dangereuses;

5° Gahunda yo gutunganya ahafunzwe kugeza igihe hatangiwe icyemezo cyo gufunga

5° Plan for the maintenance of the closed site until the issuing the closing certificate.

5° Le plan d'entretien des zones fermées jusqu'au moment où un certificat de fermeture est livré.

Gahunda yo gufunga ahakorerwa ubucukuzi igomba kwemezwa n'inzego zishinzwe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri n'ibidukikije.

The closing plan of the extraction site shall be approved by the mines and quarry extraction and environment institutions.

Le plan de fermeture du site d'exploitation est approuvé par les institutions chargées de l'exploitation des mines et carrières et de l'environnement.



**UMUTWE WA IV: INGWATE YO GUSANA  
IBIDUKIKIJE**

**CHAPTER IV: ENVIRONMENT  
REHABILITATION BOND**

**CHAPITRE IV: CAUTION  
REHABILITATION  
DE L'ENVIRONNEMENT**

**Ingingo ya 16: Ingwate yo gusana ibintu byangijwe**

Ingwate yo gusana ibidukikije itanga icyizere cyo gusana no gufunga ahantu, ariko iyo amafaranga yo kurangiza isana rya nyuma adahagije, imirimo y'inyongera ikorwa n'ufite uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro.

**Ingingo ya 17: Kugena ingwate yo gusana ibintu byangijwe**

Ingwate yo gusana igenwa hakurikijwe igihe gucukura bizamara, hashingiwe ku mubare w'amafaranga yabazwe ku ngengo y'imari y'agateganyo y'ibikorwa byo gusana nk'uko bitaganywa n'inyigo yo kubungabunga ibidukikije, ukagabanya n'igihe kibaze mu myaka ubucukuzi bugomba kumara. Ingingo y'imari y'agateganyo yo gusana ishobora gusubirwamo ku gipimo kitarengeje imyaka itanu (5). Uko gusubiramo agaciro bishobora kugabanya umubare w'amafaranga iyo gusana bwa nyuma bibaye ku gice kimwe cy'ahacukurwa, nyuma y'uko Ubuyobozi bwa Mine n'Ibidukikije bwemeje iyo mirimo yo gusana.

Iyo isuzuma ry'igicro cyo gusana ibyangiritse ridashobotse, ingwate ibarwa hashingiwe ku mafaranga yose yinjiye ku ijanisha riri hagati ya 0,3 na 1%.

**Article 16: Rehabilitation bond**

The environmental rehabilitation bond is a guarantee for the rehabilitation and closing of the site; however, in the case of insufficient funds for final rehabilitation, the additional works shall be carried out by the holder of the mining license.

**Article 17: Determination of rehabilitation bond**

The rehabilitation bond shall be determined according to the duration of the extraction period based on the amount calculated on the rehabilitation budget estimate as provided by the assessment of environmental management, divided by the number of years of the whole extraction period. The rehabilitation budget estimate shall be re-evaluated over a period not exceeding five (5) years. This re-evaluation may result in a reduction in the costs in case the final rehabilitation is done on part of the mining site, upon its approval by Mining and Environment Authorities

In the case of failure to carry out appropriate evaluation of the rehabilitation costs, the bond shall be calculated at 0.3 to 1% of the gross turnover.

**Article 16: Caution de réhabilitation**

La caution de réhabilitation de l'environnement constitue une garantie pour la réhabilitation et la fermeture du site, mais en cas d'insuffisance des fonds pour la réhabilitation finale, les travaux complémentaires sont à la charge de l'exploitant.

**Article 17: Détermination de la caution de réhabilitation**

La caution de réhabilitation de l'environnement est déterminée sur base de la durée de l'exploitation, à hauteur d'un montant calculé sur le budget prévisionnel de réhabilitation tel que prévu par l'étude de gestion de l'environnement, divisé par la durée de vie prévue de l'exploitation exprimée en années. Le budget prévisionnel de réhabilitation avec une fréquence qui ne doit pas excéder cinq (5) ans. Cette réévaluation peut reconnaître une diminution des fonds en cas de réhabilitation définitive intervenue sur une partie du gisement, après acceptation de ces travaux de réhabilitation par les Administrations des Mines et de l'Environnement.

Dans l'impossibilité d'une évaluation adéquate des coûts de réhabilitation, la caution sera calculée sur base du chiffre d'affaires brut à un taux compris entre 0,3 et 1%.

Ingwate ishobora gutangwa mu mafaranga cyangwa hakoreshejwe uburyo bwose bwemewe n'amategeko y'u Rwanda.	The rehabilitation bond shall be given by cash or in other forms accepted by the Rwandan Law.	La caution de réhabilitation peut être fournie par argent liquide ou par toutes autres formes acceptées par la législation nationale.
<b><u>Ingingo ya 18: Gusana ku buryo bushimishije</u></b>	<b><u>Article 18: Satisfactory rehabilitation</u></b>	<b><u>Article 18: Réhabilitation satisfaisante</u></b>
Iyo uruhushya rwo kurambagiza, gukora ubushakashatsi cyangwa gucukura rurangiye, ruhagaritswe cyangwa rusubijwe na nyirarwo kandi ubuyobozi bwa mine na kariyeri bukemera ko imirimo yo gusana yakozwe neza, uwari ufite uruhushya asubizwa ingwate ye.	Where the expiry, withdrawal or renunciation of the prospection, exploration or extraction license, and after the approval of the rehabilitation works by the authorities in charge of mines and quarries, rehabilitation grant shall be given back to the license owner.	Lorsque le permis de prospection, de recherche ou d'exploitation expire, est retiré ou renoncé par son titulaire et que la bonne exécution des travaux de réhabilitation a été approuvée par l'autorité chargée des mines et carrières, la caution de réhabilitation est remise au titulaire du permis.
Iyo gusana bitemewe n'ubuyobozi, isanwa risubirwamo hakurikije ibyo yasabwe.	In case rehabilitation would not be approved by the authority, rehabilitation works shall be redone by the license owner in conformity with required conditions.	Au cas où la réhabilitation n'est pas acceptée par l'autorité, les travaux de réhabilitation sont repris par le titulaire suivant les conditions exigées.
Iyo gusana bidakozwe, Leta ikoresha ingwate yatanzwe mu gusana ahangijwe.	Where rehabilitation shall be not executed, the Government shall utilize the bond for rehabilitating the damaged site.	En cas d'inexécution des travaux de réhabilitation, l'Etat utilise la garantie pour la réhabilitation des lieux endommages.
<b><u>Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></b>	<b><u>Article 19: Repealing provision</u></b>	<b><u>Article 19 : Disposition abrogatoire</u></b>
Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.
<b><u>Ingingo ya 20: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</u></b>	<b><u>Article 20: Commencement</u></b>	<b><u>Article 20 : Entrée en vigueur</u></b>
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 14/09/2010

Kigali, on 14/09/2010

Kigali, le 14/09/2010

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Minisitiri w'Amashyamba na Mine

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Minister of Forestry and Mines

(sé)

**BAZIVAMO Christophe**  
Ministre des Forêts et Mines

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N°005/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KWAKA IMPUSHYA, IBISABWA, URUTONDE RW'IBINYABUTAKA N'UBURYO IMBAGO ZISHYIRWAHO MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

MINSTERIAL ORDER N°005/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING THE PROCEDURES OF REQUESTING LICENCES, THE CONDITIONS, CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES AND THE PROCEDURES FOR LICENCE LIMITS ON MINING AND QUARRY EXTRACTION

ARRETE MINISTERIEL N°005/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES PROCEDURES DE DEMANDE DE PERMIS, LES CONDITIONS, LA CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES ET LES PROCEDURES DE BORNAGE DES CONCESSIONS DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLES DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE:** INGINGO RUSANGE

**CHAPTER ONE:** GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:** DISPOSITIONS GENERALES

**Ingingo ya mbere:** icyo iri iteka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Ibisobanuro by'amagambo

**Article 2:** Definitions of terms

**Article 2:** Définitions des termes

**UMUTWE WA II:** URUTONDE RW'IBINYABUTAKA

**CHAPTER II:** CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES

**CHAPITRE II:** CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES

**Ingingo ya 3:** Urutonde rwa mine na kariyeri

**Article 3:** Classification of mines and quarries

**Article 3 :** Classification des mines et des carrières

**Ingingo ya 4:** Urutonde rwa kariyeri

**Article 4:** Classification of quarries

**Article 4 :** Classification des carrières

**Ingingo ya 5:** Urutonde rwa mine

**Article 5:** Classification of mines

**Article 5 :** Classification des mines

**UMUTWE WA III:** IMPUSHYA Z'UBUCUKUZI BWA ZA MINE NA KARIYERI

**CHAPTER III:** MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSES

**CHAPITRE III:** PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET DES CARRIERES

<b><u>Ivicio cya mbere:</u></b> Uburyo bwo gusaba impushya za mine na kariyeri	<b><u>Section One:</u></b> Modalities for mining and quarry extraction license application	<b><u>Section première:</u></b> Modalités de demande des permis d'exploitation des mines et carrières
<b><u>Ingingo ya 6:</u></b> Impushya zo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	<b><u>Article 6:</u></b> Mining and quarrying licenses	<b><u>Article 6:</u></b> Permis relatifs aux mines et carrières
<b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Ibisabwa rusange ku usaba impushya	<b><u>Article 7:</u></b> General requests for license application	<b><u>Article 7:</u></b> Conditions générales de demande de permis
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Gahunda y'ishoramari	<b><u>Article 8:</u></b> Investment plan	<b><u>Article 8:</u></b> Plan d'investissement
<b><u>Ivicio cya 2:</u></b> Gusaba impushya	<b><u>Section 2:</u></b> License application	<b><u>Section 2:</u></b> Demande de permis
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Itangwa rya dosiye isaba	<b><u>Article 9:</u></b> Submission of application	<b><u>Article 9:</u></b> Remise du dossier de demande
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Kwakira dosiye isaba uruhushya ku rwego rw'Umurenge	<b><u>Article 10:</u></b> Receiving a license application at Sector level	<b><u>Article 10:</u></b> Réception du dossier de la demande de permis au niveau du Secteur
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Isuzumwa rya dosiye ku rwego rw'Umurenge	<b><u>Article 11:</u></b> Considering an application at Sector level	<b><u>Article 11:</u></b> Examen du dossier au niveau du Secteur
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Imyanzuro ifatirwa dosiye isaba uruhushya mu rwego rw'Umurenge	<b><u>Article 12:</u></b> Decisions on a license application at Sector level	<b><u>Article 12:</u></b> Décisions prises sur le dossier de la demande de permis au niveau du Secteur
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Impushya zitangwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge	<b><u>Article 13:</u></b> Licenses issued by the Sector's Executive Secretary	<b><u>Article 13:</u></b> Permis délivré par le Secrétaire Exécutif du Secteur
<b><u>Ivicio cya 3:</u></b> Isuzumwa rya dosiye ku rwego rw'Akarere	<b><u>Section 3:</u></b> Considering an application at District level	<b><u>Section 3:</u></b> Examen du dossier au niveau du District
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Isuzuma rya dosiye ku rwego rw'Akarere	<b><u>Article 14:</u></b> Considering an application at District level	<b><u>Article 14:</u></b> Examen du dossier au niveau du District

<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Imyanzuro ifatirwa dosiye isaba uruhushya mu rwego rw'Akarere	<b><u>Article 15:</u></b> Decisions on a license application at District level	<b><u>Article 15:</u></b> Décisions prises sur le dossier de la demande de permis au niveau du District
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Impushya zitangwa n'Umuyobozi w'Akarere	<b><u>Article 16:</u></b> Licenses granted by a District Authority	<b><u>Article 16:</u></b> Permis délivrés par une Autorité du District
<b><u>Iciviro cya 4:</u></b> Isuzumwa rya dosiye isaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri ku rwego rwa Minisiteri	<b><u>Section 4:</u></b> Considering an application for a mining and quarry extraction license at Ministry level	<b><u>Section 4:</u></b> Examen du dossier de demande de permis d'exploitation des mines et des carrières au niveau du Ministère
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Dosiye zisuzumwa ku rwego rwa Minisiteri	<b><u>Article 17:</u></b> Applications processed at Ministry level	<b><u>Article 17:</u></b> Dossiers traités au niveau du Ministère
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Gusaba impushya zo gucukura kariyeri	<b><u>Article 18:</u></b> Request of quarry extraction license	<b><u>Article 18:</u></b> Demande des permis d'exploitation des carrières
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Dosiye zisuzumwa na Minisiteri	<b><u>Article 19:</u></b> Applications to be processed by the Ministry	<b><u>Article 19:</u></b> Dossiers traités par le Ministère
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Kutemera dosiye isaba uruhushya	<b><u>Article 20:</u></b> Refusal of license application	<b><u>Article 20:</u></b> Rejet du dossier de demande de permis
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> IYANDIKISHWA RY'UBURENGANZIRA BW'UBUCUKUZI	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> REGISTRATION OF QUARRY EXTRACTION LICENSE	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> ENREGISTREMENT DU PERMIS D'EXPLOITATION
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine	<b><u>Article 21:</u></b> Registrar of the Titles of Mines	<b><u>Article 21:</u></b> Conservateur des Titres Miniers
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Ihindurwa ry'Igitabo cy'Inyandikompamo za Mine na Kariyeri	<b><u>Article 22:</u></b> Modification of the content of the Register of Authentic Mining and Quarries titles	<b><u>Article 22:</u></b> Modification du contenu du Registre des Actes Authentiques des Mines et Carrières
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Kwandikisha itangwa, ubukode bw'ibikombe n'iherekanywa ry'uburenganzira bwo gucukura	<b><u>Article 23:</u></b> Registration of the transfer, lease of concession and cession of quarry extraction license	<b><u>Article 23:</u></b> Enregistrement du transfert, de la location de concession et de la cession de la licence d'exploitation

**UMUTWE WA V: IYONGERWA RW'URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI**

**Ingingo ya 24:** Itangwa rya dosiye isaba kongererwa uruhushya rw'ubucukuzi

**Ingingo ya 25:** Ishingano z'Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine nyuma y'iyongerwa

**UMUTWE WA VI: KUREKA URUHUSHYA RWO GUCUKURA AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI**

**Ingingo ya 26:** Kureka uruhushya

**Ingingo ya 27:** Ingaruka zo kureka uruhushya

**Ingingo ya 28:** Impamvu yo kwamburwa uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri

**Ingingo ya 29:** Gusubiza nyir'uruhushya ingwate yatanze

**Ingingo ya 30:** Ingaruka zo kwamburwa uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro

**UMUTWE WA VII: UBURYO BW'ITERWA RY'IMBAGO**

**CHAPTER V: RENEWAL OF EXTRACTION LICENSE**

**Article 24:** Submission of application for extraction license renewal

**Article 25:** Obligations of the the Registrar of the Titles of Mines after renewal

**CHAPTER VI: RENOUNCING A MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSE**

**Article 26:** Renouncing a License

**Article 27:** Consequences of renouncing a license

**Article 28:** Grounds for withdrawal of the license of mining and quarry extraction

**Article 29:** Refund the deposit to the license holder

**Article 30:** Consequences of withdrawal of mining extraction license

**CHAPTER VII: MODALITIES FOR FIXING BOUNDARIES OF A CONCESSION**

**CHAPITRE V : RENOUELEMENT DU PERMIS D'EXPLOITATION**

**Article 24 :** Remise de dossier de demande de renouvellement du permis d'exploitation

**Article 25 :** Obligations du Conservateur des Titres Miniers après renouvellement

**CHAPITRE VI : RENONCIATION AU PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES**

**Article 26 :** Renonciation au permis

**Article 27 :** Conséquences de renonciation au permis

**Article 28 :** Motif de retrait du permis d'exploitation des mines et des carrières

**Article 29:** Remise de la caution au titulaire du permis

**Article 30 :** Conséquences de retrait du permis d'exploitation des mines

**CHAPITRE VII : MODALITES DE FIXATION DES BORNES DE LA CONCESSION**

<b><u>Ingingo ya 31:</u> Gushingirwa imbago burundu</b>	<b><u>Article 31:</u> Fixing concession boundaries definitively</b>	<b><u>Article 31 :</u> Fixation définitive des bornes de la concession</b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Kwiga jewoloji y'ahantu</b>	<b><u>Article 32:</u> Geological study of the site</b>	<b><u>Article 32 :</u> Etude géologique du site</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Ibikorwa mu kwiga jewoloji y'ahantu</b>	<b><u>Article 33:</u> Activities carried out as part of a geological study of a site</b>	<b><u>Article 33 :</u> Activités réalisées dans l'étude géologique d'un site</b>
<b><u>UMUTWE WA VIII:</u> AMASEZERANO ASHINGIYE KU MPUSHYA Z'UBUCUKUZI NO KWAMBURWA URUHUSHYA RWO GUKEBERWA IMBAGO</b>	<b><u>CHAPTER VIII:</u> CONTRACT BASED ON EXTRACTION LICENSES AND DEPRIVATION OF LICENCE</b>	<b><u>CHAPITRE VIII :</u> CONTRAT BASE SUR LES PERMIS D'EXPLOITATION ET DECHEANCE DU CONCESSIONNAIRE</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Amasezerano hagati y'ufite uruhushya n'undi muntu</b>	<b><u>Article 34:</u> Contract between a holder of a licence and a third party</b>	<b><u>Article 34:</u> Contrat entre le titulaire du permis et une tierce personne</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Uburyo bwo guteza imbago cyamunara</b>	<b><u>Article 35:</u> Modalities for selling a concession by auction</b>	<b><u>Article 35:</u> Adjudication publique de la concession</b>
<b><u>Ingingo ya 36:</u> Ikoreshwa ry'amafaranga avuye muri cyamunara</b>	<b><u>Article 36:</u> Use of the proceeds of the auction sale</b>	<b><u>Article 36:</u> Utilisation du produit de l'adjudication publique</b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u> Uburenganzira bw'uwambuwe imbago</b>	<b><u>Article 37:</u> Rights of the concessionary deprived of his concession</b>	<b><u>Article 37:</u> Droits du concessionnaire déchu de sa concession</b>
<b><u>UMUTWE WA IX:</u> IGITABO CY'IBIKURIKIZWA NA RAPORO</b>	<b><u>CHAPTER IX:</u> TECHNICAL SPECIFICATION DOCUMENT AND REPORT</b>	<b><u>CHAPITRE IX :</u> CAHIER DES CHARGES TECHNIQUES ET RAPPORT</b>
<b><u>Ingingo ya 38:</u> Igitabo cy'ibikurikizwa mu rwego rwa tekini</b>	<b><u>Article 38 :</u> Technical specification document</b>	<b><u>Article 38 :</u> Cahier des charges techniques</b>
<b><u>Ingingo ya 39:</u> Imiterere y'ibikubiye mu gitabo</b>	<b><u>Article 39:</u> Structure of the content of the</b>	<b><u>Article 39:</u> Structure du contenu du cahier des</b>



cy'ibikurikizwa mu rwego rwa tekiniiki z'ubucukuzi	technical exploitation specification document	charges techniques d'exploitation
<b><u>Ingingo ya 40:</u></b> Raporo	<b><u>Article 40:</u></b> Report	<b><u>Article 40:</u></b> Rapport
<b><u>Ingingo ya 41:</u></b> Igihe cyo gutanga raporo	<b><u>Article 41:</u></b> Period for filing a report	<b><u>Article 41:</u></b> Période de soumission de rapport
<b><u>UMUTWE WA X:</u></b> ISUKU N'UMUTEKANO MURI ZA MINE NA KARIYERI	<b><u>CHAPTER X:</u></b> HYGIENE AND SAFETY IN MINES AND QUARRIES	<b><u>CHAPITRE X:</u></b> HYGIENE ET SECURITE DANS LES MINES ET CARRIERES
<b><u>Ingingo ya 42:</u></b> Amategeko agenga isuku n'umutekano	<b><u>Article 42:</u></b> Regulation on hygiene and safety	<b><u>Article 42 :</u></b> Règlements régissant l'hygiène et la sécurité
<b><u>Ingingo ya 43:</u></b> Gukoresha intambi	<b><u>Article 43:</u></b> Use of dynamites	<b><u>Article 43 :</u></b> Usage de dynamites
<b><u>Ingingo ya 44:</u></b> Uruhushya rwo gutanga serivisi mu byerekeye gukoresha intambi	<b><u>Article 44:</u></b> License to provide services relating to the use of dynamites	<b><u>Article 44 :</u></b> Permis de services relatifs à l'utilisation des dynamites
<b><u>UMUTWE WA XI:</u></b> INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<b><u>CHAPTER XI:</u></b> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<b><u>CHAPITRE XI :</u></b> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<b><u>Ingingo ya 45:</u></b> Gukoresha impapuro zuzuzwa	<b><u>Article 45:</u></b> Use of forms	<b><u>Article 45 :</u></b> Usage de formulaires
<b><u>Ingingo ya 46:</u></b> Dosiye zarangije gutangwa	<b><u>Article 46:</u></b> Documents already issued	<b><u>Article 46:</u></b> Documents déjà délivrés
<b><u>Ingingo ya 47:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<b><u>Article 47:</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 47 :</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 48:</u></b> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<b><u>Article 48:</u></b> Commencement	<b><u>Article 48 :</u></b> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°005/Minifom RYO KUWA 14/09/2010 RIGENA UBURYO BWO KWAKA IMPUSHYA, IBISABWA, URUTONDE RW'IBINYABUTAKA N'UBURYO IMBAGO ZISHYIRWAHO MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI**

**MINSTERIAL ORDER N°005/Minifom OF 14/09/2010 DETERMINING THE PROCEDURES OF REQUESTING LICENCES, THE CONDITIONS, CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES AND THE PROCEDURES FOR LICENCE LIMITS ON MINING AND QUARRY EXTRACTION**

**ARRETE MINISTERIEL N°005/Minifom/2010 DU 14/09/2010 DETERMINANT LES PROCEDURES DE DEMANDE DE PERMIS, LES CONDITIONS, LA CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES ET LES PROCEDURES DE BORNAGE DES CONCESSIONS DANS L'EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES**

**Minisitiri w'Amashyamba na Mine;**

**The Minister of Forestry and Mines;**

**Le Ministre des Forêts et Mines ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 14, iya 23, iya 64 n'iya 81;

Pursuant to Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation, especially in Articles 5, 14, 23, 64 and 81;

Vu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières, spécialement en ses articles 5, 14, 23, 64 et 81;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 08/06/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/06/2010;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**CHAPITER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS**  
**GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri iteka rigamije**

Iri teka rigena uburyo bwo kwaka impushya, ibisabwa, urutonde rw'ibinyabutaka, uburyo imbago zishyirwaho mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the procedures of requesting licences, the conditions, classification of mineral substances, the procedures for licence limits on mining and quarry extraction.

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les procédures de demande de permis, les conditions, la classification des substances minérales, les procédures de bornage des périmètres dans l'exploitation des mines et des carrières.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1° **Itegeko** bisobanuye itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

2° **Umubitsi w'Inyandikompamo za Mine** bisobanuye Umukozi ushinzwe gucunga dosiye z'inyandikompamo za mine.

3° **Minisitiri** bisobanuye Minisitiri ufite ubucukuzi by'amabuye y'agaciro na kariyeri mu nshingano ze.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall mean:

1° **Law** means Law on mining and quarry extraction;

2° **Registrar of the Titles of Mines** means Official in charge of management of the titles of mines.

3° **Minister** means Minister in charge of mines and quarry

**Article 2: Définitions des termes**

Aux termes du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **Loi** signifie loi portant l'exploitation des mines et des carrières;

2° **Conservateur des Titres Miniers** signifie Agent chargé de la gestion des titres miniers.

3° **Ministre** signifie le Ministre chargé des Mines et Carrières.

**UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IBINYABUTAKA**

**Ingingo ya 3: Urutonde rwa mine na kariyeri**

Indiri za mini cyangwa ibisigazwa biri mu kuzimu cyangwa hejuru ku butaka bifatwa nka kariyeri cyangwa mine hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 4: Urutonde rwa kariyeri**

Kariyeri ni inganzo z'amabuye akoreshwa mu bwubatsi, umucanga, ibumba, ibitaka, ibifonyo, imyunyu ifumbira n'ibindi bisa n'ibyoye, uretse imyunyu yo mu bwoko bwa fosifati, nitarati, sulfati, kolorire, fuliwolile, karibonati, alikalini n'indi myunyu ikomokamo mu ndiri zimwe na yo.

Nyiramugengeri na zo zishyirwa muri za kariyeri.

**Ingingo ya 5: Urutonde rwa mine**

Mine ni inganzo z'ibinyabutaka byose bivamo ibyuma kandi bitabarirwa muri kariyeri. Ibyo binyabutaka bishingirwa imbago.

Inyubako n'ibikoresho byo muri mine bigengwa n'amategeko agenga mine.

**CHAPTER II: CLASSIFICATION OF MINERAL SUBSTANCES**

**Article 3: Classification of mines and quarries**

Mineral substances which are ground beneath or on the surface shall be classified in the category of quarry and mines by specific laws.

**Article 4: Classification of quarries**

Quarry is deposits of building rocks, limestone, clay, soil, travertine, fertilizing salts and other similar substances, except phosphates, nitrates, sulfates, chlorides, fluorides, carbonates, alkaline, and other salts available in the same deposit.

Peat is also referred to as quarry.

**Article 5: Classification of mines**

Mines are deposits of metal substances that are not classified in the category of quarry. Mines are comprised in concession.

Laws on mining extraction are applicable on its constructions and different equipments.

**CHAPITRE II: CLASSIFICATION DES SUBSTANCES MINERALES**

**Article 3 : Classification des mines et des carrières**

Les gîtes de substances minérales ou fossiles renfermées dans le sein de la terre ou existant à la surface sont classées, relativement à leur régime légal, en carrières ou en mines.

**Article 4 : Classification des carrières**

Les carrières sont les gîtes de roches de construction, sables, argiles, terres, travertins, sels fertilisants et autres substances analogues, sauf les phosphates, les nitrates, les sulfates, les chlorites, les fluorines, les carbonates, les alcalins et les autres sels associés dans les mêmes gisements.

Les tourbières sont également classées dans les carrières.

**Article 5 : Classification des mines**

Les mines sont des gites de toutes les substances minérales métalliques non classées dans les carrières. Les mines sont concessibles.

Les lois régissant les mines sont applicables à leurs constructions et leurs différents équipements.

<b>UMUTWE WA III: IMPUSHYA Z'UBUCUKUZI BWA ZA KARIYERI</b>	<b>CHAPTER III: MINING AND QUARRY EXTRACTION LICENSES</b>	<b>CHAPITRE III: PERMIS D'EXPLOITATION DES MINES ET DES CARRIERES</b>
--	---	---

<b><u>Iviciro cya mbere:</u> Uburyo bwo gusaba impushya za mine na kariyeri</b>	<b><u>Section One:</u> Modalities for mining and quarry extraction license application</b>	<b><u>Section première:</u> Modalités de demande des permis d'exploitation des mines et carrières</b>
---	--	---

<b><u>Ingingo ya 6:</u> Impushya zo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri</b>	<b><u>Article 6:</u> Mining and quarrying licenses</b>	<b><u>Article 6:</u> Permis relatifs aux mines et carrières</b>
--	--	---

Impushya zisabwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ni:	Requested Mining and quarrying licences are the following:	Les permis demandés dans les exploitations des mines et les carrières sont les suivants :
---	--	---

- |  |   |  |
|--|---|--|
| 1° Uruhushya rwo kurambagiza inganzo;                      | 1° Prospecting license;                                 | 1° Permis de prospection;  |
| 2° Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;                    | 2° Exploration licence for;                             | 2° Permis de recherche ;   |
| 3° Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto; | 3° Small mine extraction licence;                       | 3° Permis d'exploitation de petites mines;                         |
| 4° Uruhushya rwo gucukura mine nini;                       | 4° Concession licence;                                  | 4° Permis de concession minière;                                   |
| 5° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zitagamiye gucuruzwa;   | 5° Quarry extraction license of non commercial purpose; | 5° Permis d'exploitation des carrières à caractère non commercial; |
| 6° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zigamiye gucuruzwa;     | 6° Quarry extraction licence of a commercial nature;    | 6° Permis d'exploitation des carrières à caractère commercial ;    |
| 7° Uruhushya rwo gucukura kariyeri zizigamiwe Leta.        | 7° Licence extraction of quarry reserved for State.     | 7° Permis d'exploitation des carrières réservées de l'Etat.        |

**Ingingo ya 7: Ibisabwa rusange ku usaba impushya**

Dosiye yose isaba impushya igomba kuba irimo ibi bikurikira:

- 1° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge uherereyemo ahasabwa gukorerwa imirimo y'ubucukuzi. Kopi y'iyo baruwa igenerwa Umuyobozi w'Akarere, Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine na Minisitiri;
- 2° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Umuyobozi w'Akarere mu gihe ahasabwa harenga imbibi z'Umurenge. Kopi y'iyo baruwa igenerwa Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine na Minisitiri;
- 3° ibaruwa isaba uruhushya yandikiwe Minisitiri igihe ahasabwa harenze imbibi z'Akarere cyangwa Intara;
- 4° amabaruwa asaba agomba kugaragaza itariki, amazina y'usaba, agasanduku k'iposita ye, numero ya telefone ye, e-mail ye, icyicaro cye, umukono na kashe bya;
- 5° ibaruwa igomba kandi kugaragaza izina ry'inganzo cyangwa mine isabwa, Agasozi, Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Intara irimo;

**Article 7: General requests for license application**

All application for licenses must include the following:

- 1° a license application letter addressed to the Executive Secretary of the Sector where mining extraction are to be carried out. A copy of such letter shall be sent to the Mayor of the District, Rwanda Geology and Mines Authority and the Minister;
- 2° a licence application letter addressed to the Mayor of District in case the area applied for extends beyond the Sector boundaries. A copy of such letter shall be sent to Rwanda Geology and Mines Authority and the Minister;
- 3° a licence application letter addressed to the Minister in case the area applied for extends beyond the District or Province boundaries;
- 4° application letters must include the date, the applicant's name, his/her postal address, telephone number, e-mail, head office, signature and stamp;
- 5° the letter must also include the name of the deposit or the mine applied for, the hill, the Village, the Cell, the Sector, the District and the Province where it is located;

**Article 7: Conditions générales de demande de permis**

Toute demande de permis doit comprendre les éléments suivants :

- 1° une lettre de demande de permis adressée au Secrétaire Exécutif du Secteur où les activités d'exploitation minière seront menées. Une copie de cette lettre est réservée au Maire du District, à l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda et au Ministre;
- 2° une lettre de demande adressée au Maire du District au cas où la zone sollicitée dépasse les limites du Secteur. Une copie de cette lettre est réservée à l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda et au Ministre;
- 3° une lettre de demande adressée au Ministre et au cas où la zone sollicitée dépasse les limites du District ou de la Province ;
- 4° les lettres de demande doivent comporter la date, le nom du demandeur, sa boîte postale, son numéro de téléphone, son e-mail, son siège social, sa signature et son cachet ;
- 5° la lettre doit également inclure le nom du gisement ou de la mine sollicitée, la Colline, le Village, la Cellule, le Secteur, le District et la Province où elle se trouve ;

Official Gazette n° 41 bis of 11/10/2010

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 6° Ikarita y'ahasabwa ifite ibipimo ndangahantu byafashwe n'impuguke yemewe n'Ikigo cy'Igihugu cya Jewoloji na Mine mu Rwanda. Ibyo bipimo bifatwa hakurikijwe uburyo bwo gupima bwemewe mu Gihugu; | 6° the map of the area applied for shall have topographic coordinates taken by an expert approved by Rwanda Geology and Mines Authority. Those coordinates shall be taken following the procedures approved in Rwanda; | 6° la carte du lieu sollicité comportant des coordonnées topographiques prises par un expert agréé par l'Office de la Géologie et des Mines du Rwanda. Ces coordonnées topographiques sont prises selon les procédures approuvées au Rwanda; |
| 7° inyandiko igaragaza uko imirimo izakorwa n'amafanga azayitangwaho;   | 7° actions plan and cost of works;   | 7° un plan d'actions et le coût des travaux ;  |
| 8° kopi y'inyigo y'ingaruka ku bidukikije n'icyemezo cy'uko yemewe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) ku usaba uruhushya rwo gucukura;  | 8° a copy of a study environmental impact and a certificate of its approval by Rwanda Development Board (RDB) for application for mining licence;  | 8° une copie de l'étude d'impact environnemental et une attestation de son agrément par Rwanda Development Board (RDB) pour la demande d'un permis d'exploitation;   |
| 9° kuri koperative na sosiyete, ku bisabwa bimaze kuvugwa haruguru dosiye yongerwamo kandi ibi bikurikira:  | 9° for a co-operative and a company, in addition to the requirements above mentioned, the application shall also include the following:  | 9° pour une coopérative ou une société, en plus des documents requis ci-haut mentionnés, le dossier comporte ce qui suit:  |
| a) Amategeko shingiro ya sosiyeti cyangwa koperative ariho umukono wa Noteri;   | a) Status of company or co-operative signed by the Notary;   | a) Les Statuts de la société comportant la signature du Notaire ;  |
| b) icyemezo cy'uko sosiyete yemewe n'Umwanditsi Mukuru w'Amasosiyete;   | b) Attestation of the Company registration by Companies General Registrar;   | b) Attestation d'enregistrement par le Registraire Général des Sociétés ;  |
| c) icyemezo cy'uko koperative yemewe n'Ikigo Gishinzwe Amakoperative.   | c) Attestation of the Co-operative registration by Rwanda Cooperatives Agency.   | c) Attestation d'enregistrement de la coopérative délivrée par l'Agence des Coopératives du Rwanda.  |

**Ingingo ya 8: Gahunda y'ishoramari**

Gahunda y'ishoramari igomba kugaragaza

**Article 8: Investment plan**

The investment plan must show the capital budget

**Article 8: Plan d'investissement**

Le plan d'investissement doit montrer le budget d'investissement à utiliser pour toute la durée du

Official Gazette n° 41 bis of 11/10/2010

umubare w'igishoro kizakoreshwa mu gihe cyose umushinga uzamara.	to be used during the project span.	projet.
Igishoro gikoreshwa ku buryo bukurikira:	The investment is used as follows:	Le capital est utilisé comme suit :
1° igishoro cy'amakoperative cyangwa ku muntu wikorera:	1° the investment by Co-operatives or by an individual:	1° le capital investi par des coopératives ou par un individu :
a) amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo kurambagiza inganzo;	a) five thousand Rwandan francs (Rwf 5.000) per One hectare (1 ha), for a prospecting license applicant;	a) cinq mille francs Rwandais (5.000 Frw) par un hectare (1 ha) pour un requérant d'un permis de prospection ;
b) amafaranga ibihumbi mirongo itatu y'u Rwanda (30.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;	b) thirty thousands Rwandan francs (Rwf 30,000) per One hectare (1 ha) for a exploration license applicant.	b) trente mille francs Rwandais (30.000 Frw) par un hectare (1 ha) pour un requérant d'un permis de recherche,
c) igishoro kigaragazwa n'inyigo y'uko umushinga uzakorwa k'usaba uruhushya rwo gucukura.	c) the investment determined by the feasibility study of the project for mining licence applicant.	c) l'investissement déterminé avec l'étude de faisabilité du projet.
d) igishoro cyemezwa na Minisitiri ufite mine na kariyeri mu nshingano ze.	d) the investment is approved by the Minister in charge of mines and quarries.	d) l'investissement est approuvé par le Ministre ayant les mines et carrières dans ses attributions.
2° Igishoro cy'amasosiyete:	2° The investment by companies:	2° L'investissement par les sociétés:
a) amafaranga ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5.000 Frw) kuri hegitari imwe (1 ha), k'usaba uruhushya rwo kurambagiza inganzo;	a) five thousands Rwandan francs (Rwf 5,000) for One hectare (1 ha), for a prospecting licence applicant ;	a) cinq mille francs Rwandais (5.000 Frw) pour un hectare (1 ha), pour un requérant d'un permis de prospection;
b) amafaranga ibihumbi mirongo itanu y'u Rwanda (50.000 Frw) kuri hegitari imwe (1	b) fifty thousands Rwandan francs (Rwf 50,000) for One hectare (1 ha) for a exploration	b) cinquante mille francs Rwandais (50.0000Frw) pour un hectare (1 ha) pour



Official Gazette n° 41 bis of 11/10/2010

ha), k'usaba uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;	license applicant;	un requérant du permis de recherche ;
c) igishoro kigaragazwa n'inyigo y'uko umushinga uzakorwa. Igishoro cyemezwa na Minisitiri.	c) the investment is determined by the feasibility study of the project. It is approved by the Minister.	c) l'investissement est déterminé par l'étude de faisabilité du projet. Il est approuvé par le Ministre.
3° Igishoro cyemewe nk'igishowe mu mirimo y'ubucukuzi ni iki gikurikira:	3° Accepted investment in extraction activities is the following:	3° L'investissement suivant est accepté comme investi dans les activités minières :
a) igishoro kigiye mu mirimo yo kurambagiza, gukora ubushakashatsi no gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri;	a) the investment in prospecting, exploration and mining and quarry extraction activities;	a) l'investissement engagé dans les activités de prospection, de recherche et d'exploitation des mines et des carrières ;
b) igishoro kigiye mu bikorwa byo gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe ahatangiwe uruhushya;	b) the capital engaged in assessing the results from exploration carried out in an area for which a license was issued;	b) l'investissement engagé dans l'analyse des résultats de la recherche menée dans un lieu pour lequel un permis a été accordé;
c) igishoro kigiye ku mirimo yo muri laboratuwari;	c) the investment engaged in laboratory activities;	c) l'investissement engagé dans les activités de laboratoire;
d) igishoro kigiye ku nyigo y'uko umushinga uzakorwa;	d) the investment engaged in the feasibility study;	d) l'investissement engagé dans l'étude de faisabilité;
Amafaranga yishyurwa mu guhabwa uruhushya cyangwa ayishyurwa ku butaka n'amazu, ntabarwa mu gishoro gishyizwe mu mirimo ijyanye n'ubucukuzi.	The taxes paid for issuance of a license or the amount paid for the land and the houses is not included in the capital engaged in mining extraction.	Les taxes payées pour la délivrance d'un permis ou le montant payé pour le terrain et les maisons, ne fait pas partie de l'investissement dans l'exploitation minière.

**Ivicio cya 2:Gusaba impushya**

**Ingingo ya 9: Itangwa rya dosiye isaba**

